



Ikiyamakuru ku miterere y'ibihe N°11/2017:

Taliki: 11–20 Mata 2017

Ryoherejwe kuwa 22 Mata 2017

Ingingo z'ingenzi:

- o **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Mata_2017; cyagaragaje imvura yabaye nke mu gihugu hose.
- o Ububobere bw'ubutaka buracyari hejuru nubwo hagaragaye igabanuka mu bice by'amajyaruguru y'Uburasirazuba ndetse no mu Burengerazuba bwo hagati
- o **21-30 Mata 2017**; hateganyijwe **imvura** izakomeza ikagwa nkuko yaguye mu minsi ya nyuma y'igice cya 2 cya Mata_2017.


I. Iriburiro

Igabanuka ry'imvura ryatewe nuko imvura aho yabonekeye buri minsi (mu minsi yanyuma y'igice cya 2 cya Mata_2017) itageze ku rugero rw'iyari isanzwe igwa muri iyo minsi.

- a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 11-20_Mata_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

| Ubupimiro | Mata_1 1- 20_201 7 | Mata _11- 20 |
|--------------------------|-----------------------------|--------------------|
| Kigali | 40.3 | 47.9 |
| Rusizi (Kamembe) | 15.7 | 54.6 |
| Rubavu (Gisenyi) | 36.9 | 47.3 |
| Nyamagabe (Gikongoro) | 39.4 | 68.8 |
| Ngoma (Kibungo) | 28.8 | 68.9 |
| Gicumbi (Byumba) | 36.5 | 61.2 |
| Bugarama | 25.2 | 53.4 |
| Musanze (Ruhengeri) | 42.1 | 60.1 |
| Gitega | 53.6 | 51.1 |
| Rubengera | 13 | 50 |
| Byimana | 17.7 | 72.2 |
| Kawangire | 28.3 | 55.5 |
| Nyagatare | 16.5 | 50.4 |




Igishushanyo 1


Imbonerahamwe ya 1

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira (iya **1&2**) zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 11-20_Mata_2017 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 01-10_Mata_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Mata_2017




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Mata



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Mata_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Mata



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20_Mata_2017 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 11-20_Mata; cyagaragaje ko imvura yabaye nke mu bice byinshi by'igihugu uretse ku bupimiro bwa Gitega, Kigali n'ubwa Rubavu hagaragaye imvura iri mu kigero cy'iyu dusanzwe tubona muri iyo minsi (reba **Ikarita1&2**). Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Mata; cyagaragaje ko imvura yabonetse yagabanutse cyane mu Burengerazuba bwose n'uburasirazuba bw'u Rwanda (reba **Ikarita3&4**)

a) Intara y'Uburasirazuba

Ukupimiro bwose buhagarariye iyi Ntara bwerekanyeko habaye igabanuka ku mvura (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

b) Intara y'Amajyaruguru

Ibipimo byerekanyeko habonetse imvura nyinshi (iri hagati ya mm30 kugeza kuri 50) ariko itarageze ku gipimo cy'iyu dusanzwe tubona muri ayo mataliki (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

c) Intara y'Amajyepfo

Ukupimiro bwose bwerekanyeko imvura yabaye nke muri iyi Ntara (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

d) Intara y'i Burengerazuba


Ku bupimiro bwa Rubavu niho hagaragaye imvura iri ku kigero cy'isanzwe ihaboneka naho ku bupimiro bwa Rubengera haboneka imvura nke mu Rwanda hose ingana na mm13 (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

e) Umujyi wa Kigali

Nubwo imvura yagabanutse ariko ibipimo byerekanako imvura yabonetse iri mu kigero cy'iyoye dusanzwe tubona kuri buri bupimiro aho ku bupimiro bwa Gitega ariho habonetse imvura nyinshi mu gihugu hose ingana na mm53.6 (reba **Imbonerahamwe ya1** n' **Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Mu gice cya mbere ndetse n'icya kabiri Mata_2017; Ububobere bw'ubutaka bwariyongereye mu Majyaruguru y'uburengerazuba no mu Majyepfo naho mu Burasirazuba bw'amajyaruguru ndetse no mu Burengerazuba bwo hagati hagaragara igabanuka (reba **Ikarita 5&6**)

Mu gice cya gatatu cya Mata_2017; hateganyijwe imvura izakomeza ikagwa nkuko yaguye mu minsi ya nyuma y'igice cya 2 cya Mata_2017

Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Mata_2017

Hateganyijwe ibihe by'imvura mu bice byinshi by'igihugu cyane cyane mu gihugu hagati ndetse no mu Majyepfo

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)